HANDOUT

Naturland ACADEMY

# Gahunda yo gutera ibiti bivangwa n'imyaka iteye

Ubu ni uburyo bw'imikoreshereze y'ubutaka aho ibiti bisanzwe n'ibyibihuru biterwa mu murima urimo igihingwa ngandurabukungu. Iyi gahunda yo gutera ibiti bivangwa n'ibihingwa ni bumwe mu buryo bwiza bwo kubona umusaruro mwinshi ku buso buto bw'ubutaka hitawe ku kurwanya isuri no kwangirika k'ubutaka.

1 Umurima uhinzemo Igihingwa kimwe



2 Umurima urimo igihingwa kimwe nibiti bitanga igicucu



3 Umurima uhinzemo Igihingwa kimwe



Igitekerezo kiri muri iyi gahunda y'ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyaka ni kugira ngo mu murima habe hari ibisenge bitandukanye hashingiwe ku burebure butandukanye bw'ibiti, bigenda birutana, no gutera ibihingwa bijyanye n'uko ibisenge bigenda bitandukanye:




Ingano y'igicucu gikenewe mu murima w'ikawa ni 40%:




Ibipimo fatizo bya Naturland bisaba byibura amoko 12 atandukanye y'ibiti kuri hegitari.

Naturland - Verband für ökologischen Landbau e.V.
Association for Organic Agriculture
www.naturland.org

academy@naturland.org
www.academy.naturland.org